CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA INAMA Y'ABEPISKOPI Y'IGIHEMBWE GISANZWE CYA 3 YATERANIYE I KIGALI KUVA KU WA 3 - 6 NZERI 2019**

Inama isanzwe y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali kuva tariki 3 kugeza tariki 6 Nzeri 2019, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda (C.EP.R).

Ku murongo w'ibyigwa hari : Ugusuzuma raporo z'imikoreshereze y'umutungo muri komisiyo na serivisi z'Inama y'Abepiskopi n'iz'amaseminari makuru ahuriweho na Diyosezi zose mu mwaka ushize wa 2018-2019 ; Kwemeza ingengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020; Kunoza imyiteguro y'inama mpuzamahanga nyunguranabitekerezo izaganira ku rugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda muri iyi myaka 25 jenoside yakorewe abatutsi ibaye mu Rwanda, Kwiga ku kibazo cyo guteganya imbyaro no ku musanzu Kiliziya Gatolika yatanga mu rwego rwo kurwanya indwara ya HEPATITE C; Kwiga ku kibazo cy'amashuri y'abakateshisite; Gutegura ihuriro ryo guhimbaza Ihuriro ry'Ukaristiya riteganyijwe muri kamena 2020. Abepiskopi banigiye hamwe kandi imbogamizi zituma "*Manuel des procédures*" y'Inama y'Abepiskopi idakurikizwa uko bikwiye; Kwiga ku kibazo cy'isomo ry'ubuzima bw'imyororokere mu mashuri; Kurangiza igitabo kireba imirerere y'abaseminari; Gusuzuma uko Yubile ya SCEAM yagenze; Barebeye hamwe kandi uko ihuriro ry'igihugu ry'urubyiruko ryabereye muri Diyosezi ya Gikongoro ryagenze n'aho ibiganiro n'Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro bigeze.

Atangiza iyi nama, Musenyeri Filipo RUKAMBA yahaye ikaze abaje mu nama bose, ashimira umunyamabanga w'Intumwa ya Papa mu Rwanda Padiri In Je HWANG, wari waje ahagarariye Intumwa ya Papa mu Rwanda itari yabonetse. Yakomeje ageza ku bitabiriye inama gahunda y'ibiteganywa kwigwa nk'uko byavuzwe haruguru. Hanyuma aha umwanya Umunyamabanga w'ibiro bya Papa mu Rwanda maze abagezaho ubutumwa yari yahawe n'uhagarariye Papa mu Rwanda.

Mu ijambo rye, Padiri In Je HWANG yavuze ko ubutumwa abafitiye ari indamutso y'Intumwa ya Papa, anabashimira ubutumwa Kiliziya Gatolika isohoza kandi abibutsa ko raporo z'ibikorwa bya Papa zajya zibonekera igihe.

Nyuma yo guhana amakuru kuri za diyosezi zose, Abepiskopi bateze amatwi raporo za seminari nkuru ndetse bemeza ingengo y'imari y'umwaka utaha. Bishimiye ko ibikorwa byose byagenze neza kandi ko n'ingengo y'imari yateguwe neza.

Nyuma yaho, Abepiskopi bakomeje bategа amatwi raporo za serivisi na komisiyo zitandukanye z'Inama y'Abepiskopi, Ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepiskopi, Urwego rushinzwe uburezi gatolika, Urushinzwe imyigishirize ya gatigisimu, Urushinzwe ibikorwa bya Papa; Urukiko rwa Kiliziya, Kinyamateka; Komisiyo y'ubutabera n'amahoro, iy'urubyiruko, iy'umuryango, iy'abalayiki na serivisi ishinzwe kongerera abakozi ubushobozi. Icyagaragaye ni uko umwaka ushize wagenze neza kandi hakaba hari na gahunda ihamye irebana n'umwaka utaha.

Nyuma yo gutega amatwi raporo zitandukanye, Abepiskopi bakomeje baganira ku ngingo zinyuranye zirebana n'ubuzima bwa Kiliziya. Baganiriye ku mashuri y'abakateshisite kugeza ubu afite abanyeshuri

bake, kandi abakateshisite bize bakeneye hirya no hino. Basanze ari ikibazo bazakomeza kuganiraho hagashakwa icyerekezo cyababwa ayo mashuri.

Abepiskopi bongeye kungurana ibitekerezo ku itegeko ***N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.*** Basuzumye inyandiko yakozwe n'itsinda ry'impuguke ryari ryashyizweho ngo ryige ingaruka zaryo ku buzima bwa Kiliziya. Babonye ko ari itegeko ribangamiye Kiliziya kandi ko rigoye gukurikizwa. Biyemeje gusaba MINALOC ibiganiro mu rwego rwo kwigira hamwe icyo kibazo.

Abepiskopi bagejejweho gahunda y'inama nyunguranabitekerezo (Colloque) itegurwa izaba kuva ku wa 29 kugeza ku wa 30 Ugushyingo 2019 ku rugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda muri iyi myaka 25 jenoside yakorewe abatutsi ibaye. Gahunda yaranonosowe kandi basaba Komisiyo y'ubutabera n'amahoro kwita ku bikenewe byose ngo izagende neza.

Ku bijyanye n'ihuriro ry'Ukaristiya, Abepiskopi bemeje ko rizaba ku wa 14 Kamena 2020 ku wa ku rwego rwa Diyosezi no ku wa 28 Kamena 2020 ku rwego rw'igihugu rikazabera i Kigali. Insanganyamatsiko y'iryo huriro iragira iti: "***Ukaristiya, isoko y'ubuzima, impuhwe n'ubwiyunge***".

Abepiskopi Gatolika bigiye hamwe ibyerekeye imikorere n'imikoranire y'inzego ziteganyijwe muri "***Manuel des procedures***" y'Inama y'Abepiskopi (CEPR). Abepiskopi bashyizeho uburyo bwo kubinoza kugira ngo abantu bakorane neza.

Abepiskopi kandi bongeye kuganira ku isomo ry'ubuzima bw'imyororokere ritangwa mu masomo ya STE mu mashuri abanza na BIOLOGY mu mashuri yisumbuye basanga adafasha abana gukura neza. Bemeje ko bagomba kugaragariza minisiteri y'uburezi ibibazo biri muri izo progaramu.

Abepiskopi basuzumye kandi igitabo gitanga amabwiriza yo gutegura abazaba abapadiri bemeza ko gitangazwa.

Bongeye gusomera hamwe imyanzuro yavuye mu ihuriro rya ACEAC ryabereye i Kinshasa kuva ku wa 24 kugeza ku wa 28 kamena n'irya SCEAM ryabereye i Kampala kuva ku wa 20 kugeza ku wa 29 Nyakanga 2019. Ingamba zigamije gushyira mu bikorwa imyanzuro y'ayo mahuriro yombi zizanozwa mu nama itaha.

Diyosezi ya Gikongoro yakiriye Ihuriro ry'urubyiruko ryabaye kuva ku wa 24 kugeza ku wa 28 Nyakanga, n'Ubuyobozi bwa Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe urubyiruko babwiye Abepiskopi ko iryo huriro ryagenze neza. Basanze ndetse imitegurire yaryo irushahgo kumera neza buri mwaka.

Abepiskopi bamenyeshejwe aho inyubako ya CEPR iri ku Ruyenzi igeze n'ibibazo ifite; hateganywa inama, kugira ngo imirimo y'inyubako ikomeze neza.

Inama yarangiye ku wa 06 Nzeri 2019 i saa cyenda (15h00).

Padiri Martin NIZIGIYIMANA,
Umunyamabanga w'Inama y'Abepiskopi
Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda